بسم الله الرحمن الرحيم

# MARIYAMU ( BIKIRA  MARIYA) (AS) MURI ISLAMU

Mu mateka y'ikiremwa muntu tubonamo  abantu bagiye baba indashyikirwa bitewe n'ibikobwa bakoze by'indashyikirwa, rimwe na rimwe ibyo bikorwa bikaba birenze ubwenge bwa muntu. Akenshi iyo turebye muri ayo mateka dusanga ibikorwa byinshi bitangaje ndetse bikomeye cyane byaragiye bikorwa n'abagabo  tugasanga ibyakozwe n'abagore muri byo ari bike. Nyamara iyo witegereje neza usanga hari impamvu nyinshi zatumye abagore batagaragara cyane muri abo bantu, harimo nko kuba mu duce twinshi tw'isi abagore baragiye bahabwa agaciro gake, bakimwa ijambo ,bagafatwa  nabi, bagafatwa nk'abadafite icyo bamaze, bakimwa uburenganzira butuma bagera muri wa mwanya utuma bakora igikorwa cy'indashyikirwa (nko kutemererwa kujya ku rugamba, kutemererwa kujya mu nzego runaka z'ubuyobozi n'ibindi).

Iyo tugiye mu bijyanye n'imyemerere dusangamo ko idini ya Islamu iri mu madini yaje agaha agaciro n'uburenganzira busesuye abagore,  ku buryo kuza kwayo byabaye nko gutabara ubuzima bw'igitsinagore ku isi yose cyane cyane aho yatangiriye muri Hijaz (Saudi Arabia y'ubu) .  Muri icyo gihe abantu cyane cyane Abarabu bari bageze ku rwego rwo gufata umwana w'umukobwa n'umugore muri rusange nk'utagize icyo amaze na busa, bakamufata nk'uwo kubateza ibibazo n'akaga kurusha uko yaba afite ibyiza abamariye.  Abarabu muri icyo gihe bari bageze ku rwego rw'uko umuntu wese wabyaraga  umwana w'umukobwa yabaga agushije ishyano akaba yaragomba guhita amuhamba mu butaka ari muzima agapfira mu butaka. Idini ya Islamu yaje irwanya icyo gikorwa cya bunyamaswa yivuye inyuma,  bituma abagore n'abakobwa bahabwa icyubahiro batari barigeze babona mu buzima bwabo.  Imana Nyagasani mu kwerekana ko abagore ari ikiremwa gifite agaciro gahambaye, yatanze ingero zifatika

z’abagore babaye indashyikirwa mu mateka y’abantu,  ngo abantu bose baba abagore n’abagabo babafatireho urugero.  Aho Imana yerekanye ko hari abagore bashobora gukora ibibi bakaba bagomba kubihanirwa ndetse n’abagore bakora ibyiza b’intanga rugero bazagororerwa ibyiza .

Imana muri Qor’an yatanze uregero rw’abagore bane; aho babiri muri bo bakoze ibyiza (ari intungane) naho abandi babiri bakora ibibi (ari abanyabyaha).  Aho Imana muri Qor’an muri Surat  At-Tahrim ayah ya 10 , igira iti:

ضَرَبَ اللَّهُ مَثَلًا لِلَّذينَ كَفَرُوا امرَأَتَ نوحٍ وَامرَأَتَ لوطٍ ۖ كانَتا تَحتَ عَبدَينِ مِن عِبادِنا صالِحَينِ فَخانَتاهُما فَلَم يُغنِيا عَنهُما مِنَ اللَّهِ شَيئًا وَقيلَ ادخُلَا النّارَ مَعَ الدّاخِلينَ

**“Allah yatanze urugero rw’abahakanye ; nk’umugore wa  Nuhu (Nowa) n’umugore wa  Luti (Loti). Bari munsi (y’ubuyobozi) y’abagaragu babiri mu bagaragu bacu b’intungane hanyuma (abo bagore) bahemukiye (abagabo babo b’intungane) kandi kuba bari abagore b’abagaragu bacu ntibyagize icyo bibamarira (ku kijyanye no kurokoka umuriro utazima ku bw’ibikorwa byabo bibi ) imbere ya Allah.Barabwirwa ngo : Nimwinjire mu muriro hamwe n’abawinjiramo”.**

Muri Qor’an  muri Surat  At-Tahrim ayah ya 11, Imana ikomeza igira iti:

وَضَرَبَ اللَّهُ مَثَلًا لِلَّذينَ آمَنُوا امرَأَتَ فِرعَونَ إِذ قالَت رَبِّ ابنِ لي عِندَكَ بَيتًا فِي الجَنَّةِ وَنَجِّني مِن فِرعَونَ وَعَمَلِهِ وَنَجِّني مِنَ القَومِ الظّالِمينَ

**“Kandi Allah yatanze urugero rw’abemeye (ukuri);umugore wa Firiawuni (wari umugore w’umugabo wari ruharwa mu buhakanyi). (Ibutsa) ubwo uwo mugore yavugaga  ati: “ Ayii! Allah mugenga wange we! Nyubakira inzu hafi yawe muri Jana, unankize Firiawuni n’ibikorwa bye (bibi), kandi unkize abantu b’inkozi z’ibibi”.**
Muri Qor’an Surat  At-Tahrim ayah ya 12, Imana ikomeza igira iti:

وَمَريَمَ ابنَتَ عِمرانَ الَّتي أَحصَنَت فَرجَها فَنَفَخنا فيهِ مِن روحِنا وَصَدَّقَت بِكَلِماتِ رَبِّها وَكُتُبِهِ وَكانَت مِنَ القانِتينَ

**“Na Mariyamu (Mariya) umukobwa wa Imrani we warinze ubwambure bwe ,hanyuma tukamuhuhamo roho yacu, yemera amagambo ya Allah umugenga we n’ibitabo bye.  Aba mu bacira bugufi amategeko yacu”**

Muri izi ngero Imana yaduhaye, iratwereka ko nk’uko mu bagabo habamo ab’intwari babasha kwirinda bakaba abakiranutsi hakanabamo abateshuka bakaba abanyabyaha,

no mu bagore ni uko. Habamo abakiranutsi ndetse Imana ikunda cyane hakabamo kandi abanyabyaha ruharwa bazajya mu muriro.  Abagore bavugwa muri izi ngero Imana yatanze ni:

1. **Abagore b'abakiranutsi:**

1) Mariyamu(as) umukobwa wa Imrani
2) Asiyah(as) umugore wa Firiawuni (Farawo) umukobwa wa Muzahimu

2. **Abagore  b'abanyabyaha:**

**1) Umugore w'intumwa y'Imana Nuhu (Nowa) (as) witwaga Waghilah (cyangwa se Wala'ah cyangwa se Wahalah).** ( Intumwa y'Imana Nuhu (as) yari ifite abagore babiri aribo: Amurah na Waghilah.  Amurah yari umugore w'umukiranutsi naho Waghalah ari umugore w'umunyabyaha. [1]

Amateka avuga ko mbere y'uko Nuhu (as) ashakana na Amurah, Imana yohereje Malaika kuri Nuhu(as) aramubwira ati: " Yewe Nuhu! Imana ikuntumyeho ngo nkubwire ko uzashaka umukobwa witwa Amurah umukobwa wa Dwamran (Zamran), kuko niwe mugore wa mbere uzemera ubutumwa bwawe". Ubwo intumwa y'Imana Nuhu(as) yahabwaga ubutumwa n'Imana maze agatangira kubwamamaza ku mugaragaro,  Amurah  wari ukiri umukobwa icyo gihe, niwe muntu wa mbere w'igitsinagore  wemeye ibyo Nuhu (as) yavugaga mu gihe abandi bamwitaga umusazi. Inkuru y'uko Amurah yemeye ubutumwa bwa Nuhu (as) igeze kuri se wari igikomerezwa ibwami, yarababaye cyane nuko aramufata atangira kumukorera iyicarubozo, amutegeka guhakana ibyo Nuhu (as) avuga ariko umukobwa arabyanga. Dwamran (se wa Amurah) amaze kubona ko ibyo abwira umukobwa we byose atarimo kubyemera, aramubaza ati: " Ese ibyo wumvanye Nuhu (as) byahise bikugira gutyo ku buryo ibyo nkubwira byose utabyumva?. Mfite ubwoba ko umwami namenya ko wemeye Nuhu(as) aza guhita akwica".

Amurah abwira Se ati: "Yewe Data! Ubwenge n'ubuhanga bwawe byagiye he? Ese urabona uburyo Nuhu (as) ameze, uko uruhanga rwe rubengerana, uko yiyubashye

---

[1] Allamah Majlisi muri Bihar al-Anwar : umuzingo wa 11, urup. 309 / Qiswas al-Anbiya / Sayyid Ni'matullah Jazayiri: urup. 156 / Tafsir Nemuneh (Makarim Shirazi): Umuz.. 24,  urup. 301

yavuga ibintu yishakiye?. Ibyo avuga iyo aza kuba atabikuye ku Mana, ntacyo yari kwirirwa avuga”.

Dwamran abonye ko ibyo abwira umukobwa we ntacyo birimo kumumarira no kumuhinduraho,ategeka ko bamufunga kandi ntibamugaburire kugeza yishwe n’inzara. Amurah yafunzwe umwaka wose adahabwa ibiryo ku buryo abamurindaga aho yari afungiye iyo bajyaga guhengereza ngo barebe ko yapfuye babonaga akiri muzima nta n’ikibazo afite. Gukomeza kureba niba ari muzima byaje kubarambira bafunga aho yari afungiye ntibakongera kurebamo bategereza ko azapfiramo. Hashize umwaka Dwamran yategetse ko bafungura gereza bakareba niba umukobwa we yarapfuye.Ubwo bakinguraga bagiye kubona babona umukobwa asohotse yishimye kandi bigaragara ko afite itoto nk’uwari witaweho. Ise amubonye biramutangaza aramubaza ati: “ Ni gute wabashije kubaho muri iyi gereza itagira ibiryo n’amazi!?”. Amura asubiza se ati: ” Ubwo narindi muri iyi gereza nasenze Imama ya Nuhu(as)maze Imana mu buryo bw’igitangaza ikajya yohereza Nuhu(as)akanzanira ibyo kurya byiza”. Nyuma yaho, nk’uko Imana yari yarabisezeranyije intumwa yayo Nuhu(as), Amurah yashakanye na Nuhu(as) babyarana umwana w’umuhungu bamwita Samu ari nawe sekuruza w’izindi ntumwa zabayeho nyuma ya Nuhu(as).

Mu gihe Waghilah we yari yarabyaranye na Nuhu (as) abana b’abahungu aribo: Hamu, Yafati, na Kan’ani. Amateka avuga ko kandi Nuhu (as) yari afite abana b’abakobwa bane aribo: Ziina, Zau’ra, Itha na Asma, abakwe be ni Aslam, Iraj, Tasun na Marhash. Aba bana bose bemeye ubutumwa bwa Nuhu(as) uretse Kan’ani wakomeje kuba umuhakanyi akanga kwemera ubutumwa bwahawe se.[2]

Amateka avuga ko abantu benshi banze kwemera ubutumwa bwa Nuhu(as) uretse abahungu be batatu aribo :”Samu, Hamu na Ya’fati”. N’abakobwa be bane aribo; Ziina, Zau’ra, Itha na Asma, n’umugore we Amurah n’abandi bantu bake ku buryo bose hamwe bari abantu 79 gusa[3].

**2) Umugore w’intumwa y’Imana Luti (Loti):** Uyu mugore yanze kumvira umugabo we ahubwo aramugambanira ku buryo yagiye kwifatanya n’abanyabyaha ruharwa babaga mu mujyi wa Sodoma ndetse bigeraho arenza urugero ku buryo atumvaga ibyo umugabo we wari intumwa y’Imana yamubwiraga, ahubwo akumvira abanyabyaha.

[2] Muhammad bin Jarir Tabari: Tarjamah Tafsir Tabari : umuzingo wa 7, p. 195 / Al-Anbiya (Ibin Khalaf Neyshaburi): urup. 36
[3] Qiswas Al-Anbiya (Sayyid Mahdi Musawi) urup. 51

Byaje kugera  aho ashyira amabanga y'umugabo we hanze, ndetse akora n'ibindi bibi byinshi byatumye arimbukana n'abanyabyaha, mu gihe umugabo we yari intumwa.

## ABAGORE BANE B'ABAKIRANUTSI BEMEREWE IJURU

Nk'uko twabivuzeho, mu mateka hari abagore bane b'imbonera bagororewe ijuru n'Imana kubera ugukiranuka kwabo . Abo bagore n'aba bakurikira: **Maryamu (sa) umukobwa wa Imran, Khadijah (sa) umukobwa wa Khuwaylid, Fatima  (as) umukobwa w'intumwa y'Imana Muhammad (saww) na Asiya (sa) umugore wa Farawo umukobwa wa Muzahim**[4].

Muri iyi nyandiko tugiye kurebera hamwe amateka ya Mariamu cyangwa se Mariya (as) kugirango turusheho gusobanukirwa no kumenya neza ibivugwa kuri uyu mutegarugori w'imbonera ndetse turusheho kumusobanukirwa no kumufataho urugero nk'uko Imana ubwayo yamutubwiye kugirango tumufateho urugero. Turasaba Imana ko iyi nyandiko yagirira akamaro abayisoma ndetse ibiyirimo bikabagirira akamaro hano ku isi no ku munsi w'imperuka.

## MARYAMU  (as)  UMUKOBWA WA IMRANI

Maryam umukobwa wa Imran, nyina w'intumwa y'Imana Issa cyangwa se Yesu (as), niwe mugore mu mateka uzwiho kuba yaratwise mu buryo bw'igitangaza. Qor'ani muri Surat Maryam ivuga amateka y'ubuzima bwe kuva akivuka kugeza Yesu(as) avutse. Muri riwayah z'Abashiya n'Abasuni, Maryam (as), Fatimah Zahra (as), Khadijah na Asiya (as), bamenyekanye nk'abagore bane bahawe ijuru.

## MARIYAMU(AS) MURI  QOR'AN

Mariyam (as) bitewe n'ubuhambare bwe ndetse bikanaterwa n'ubuhambare bw'umwana yabyaye ariwe intumwa y'Imana Issa (Yesu) (as) ,Imana yamanuye Surah yamwitiriwe muri Qor'an yitwa Surat Maryam igaragaramo amateka y'uko yatwise uko yabyaye Yesu (Issa) (as)  n'ibindi.

---

[4] Majlisi, Muhammad Baqir: Bihar Al-Anwar:  umuzingo wa 43,  urup. 36

## SURAH MARIYAM ( Ayah 1-38)

بِسْمِ اللَّهِ الرَّحْمَنِ الرَّحِيمِ

**Ku Izina rya Allâh AL-Râhmân na AL-Râhim (Nyirimpuhwe bihebuje na Nyirimbabazi zihoraho iteka ryose)**

كهيعص

**1. Kâf- Hâ- Yâ- A'în- Sâd.** [Izi Nyuguti zitwa Muqatta'at: Ni inyuguti za Abjad [Alphabet z'Icyarabu] ziba ziri ku intangiriro ya za Sura zimwe na zimwe, ariko zikaba zidafite ibisobanuro byoroshye kumvikana mu rurimi rw'Icyarabu.

ذِكْرُ رَحْمَتِ رَبِّكَ عَبْدَهُ زَكَرِيَّا

2. [Ntumwa y'Imana ( Sal-Allaahu 'alayhi Wa Aalih Wa Sallam) we! Iyi] ni inkuru ivuga ku gihe kimwe *Allâh* Umugenga wawe yahundagaje impuhwe ze ku mugaragu we Zakariya.

إِذ نَادَى رَبَّهُ نِدَاءً خَفِيًّا

3. Ubwo mu isengesho ry'ubusabe yatuye abwira *Allâh* Umugenga we ibibazo bye asaba bucece ku mutima ari ahantu yitaruye abandi bantu.

قَالَ رَبِّ إِنِّي وَهَنَ الْعَظْمُ مِنِّي وَاشْتَعَلَ الرَّأْسُ شَيْبًا وَلَمْ أَكُنْ بِدُعَائِكَ رَبِّ شَقِيًّا

4. Aravuga ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Mu by'ukuri mbayeho imyaka myinshi yo gutuma amagufwa yanjye anegekara, n'umusatsi wo ku mutwe wanjye wose ukaba umaze kuba uruyenzi [imvi]. Kandi sinari nigera mbona n'umunsi n'umwe, amasengesho y'ubusabe ngutura aba imfabusa ngo ndake gusubizwa.

وَإِنِّي خِفْتُ الْمَوَالِيَ مِنْ وَرَائِي وَكَانَتِ امْرَأَتِي عَاقِرًا فَهَبْ لِي مِنْ لَدُنْكَ وَلِيًّا

5. Mu by'ukuri ndatinya ko bene wacu n'abo duhuje ibitekerezo, nyuma y'uko nzaba ntakiriho [bazonona idini yawe ntibakugaragagire nk'uko bikwiriye]. Kandi n'umugore wanjye akaba ari ingumba atarigeze abyara. Nuko rero [*Allâh* Umugenga wanjye We!] Ndagusaba nkwingize ngo umpe umwana wo kuzanzungura [aze] aguturutseho muheshejwe n'ubuntu bwawe buhebuje.

يَرِثُنِي وَيَرِثُ مِنْ آلِ يَعْقُوبَ وَاجْعَلْهُ رَبِّ رَضِيًّا

6. Uzanzungura nkamuraga ubumenyi wampaye n'uburyo bwo kugaragaza ukwemera no kukugaragira nyabyo wanshyizemo, no kuzazungura [imitungo ya bene wabo] bo mu muryango wa Yakubu; Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Uzamugire uwishimirwa [uzajye unamuhundagazaho impuhwe n'imigisha byawe].

يَا زَكَرِيَّا إِنَّا نُبَشِّرُكَ بِغُلَامٍ اسْمُهُ يَحْيَى لَمْ نَجْعَلْ لَهُ مِنْ قَبْلُ سَمِيًّا

7. [Ubusabe bwe burasubizwa, maze arabwirwa ati]: Yewe Zakariya we! Tuguhaye inkuru nziza y'uko uzabyara umwana w'umuhungu izina rye rizaba ari Yahaya [Yohana]: Nta wundi muntu wabayeho mbere ye Twigeze duha iryo zina.

قَالَ رَبِّ أَنَّى يَكُونُ لِي غُلَامٌ وَكَانَتِ امْرَأَتِي عَاقِرًا وَقَدْ بَلَغْتُ مِنَ الْكِبَرِ عِتِيًّا

8. [Zakariya aratangara cyane] maze aravuga ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Byashoboka bite ko mbona umwana w'umuhungu kandi umugore wanjye ari ingumba, nanjye nkaba maze kuba umusaza rukukuri utagifite intege?

قَالَ كَذَلِكَ قَالَ رَبُّكَ هُوَ عَلَيَّ هَيِّنٌ وَقَدْ خَلَقْتُكَ مِنْ قَبْلُ وَلَمْ تَكُ شَيْئًا

9. [*Allâh*] aravuga ati: Uko niko bizaba, kandi ibyo ni *Allâh* Umugenga wawe ubivuze agira ati: Icyo ni ikintu kinyoroheye cyane, kuko n'ubundi ni Njye wakuremye mbere ngukuye mu busa.

قَالَ رَبِّ اجْعَلْ لِي آيَةً قَالَ آيَتُكَ أَلَّا تُكَلِّمَ النَّاسَ ثَلَاثَ لَيَالٍ سَوِيًّا

10. [Zakariya] aravuga ati: "Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Ndakwinginze mpa ikimenyetso [kinyemeza ko ibi bizaba nkabyara uwo mwana]? [*Allâh*] Arabwirwa ati: "Ikimenyetso uhawe ni uko utazongera kubasha kuvugisha abantu kumara igihe cy'iminsi itatu n'ubwo uri muzima [utari ikiragi cyangwa ngo ube ufite ubundi burwayi buzaba bugutera kutabishobora]".

فَخَرَجَ عَلَى قَوْمِهِ مِنَ الْمِحْرَابِ فَأَوْحَى إِلَيْهِمْ أَنْ سَبِّحُوا بُكْرَةً وَعَشِيًّا

11. N'uko avuye muri *Mihraab* [icyumba abantu bihererera mo basenga] asanga abantu be [ariko kubavugisha ntiyaba akibishobora ahubwo] akoresha amarenga agerageza kubabwira ngo bajye bahimbaza *Allâh* kenshi buri gitondo na buri mugoroba [ku bw'iyo nkuru nziza yari amaze kubwirwa].

يَا يَحْيَى خُذِ الْكِتَابَ بِقُوَّةٍ وَآتَيْنَاهُ الْحُكْمَ صَبِيًّا

12. [Arabwirwa ati]: Yewe Yahaya we! Fata [iki] Gitabo [cya *Tawurat*] ugikomeze [kandi wihatire kuzajya uhora ugendera ku ibyo twaguhishuriye, unakurikize amategeko n'amabwiriza Twagishyizemo]. Kandi Twamuhaye kuba umuhanuzi kuva kiri umwana.

وَحَنَانًا مِنْ لَدُنَّا وَزَكَاةً وَكَانَ تَقِيًّا

13. Kandi [Tumuhundagazaho] impuhwe ziduturutseho, [Tumugira] n'umuziranenge, kandi yari n'umukiranutsi.

وَبَرًّا بِوَالِدَيْهِ وَلَمْ يَكُنْ جَبَّارًا عَصِيًّا

14. Yitwaraga neza imbere y'ababyeyi be, akabagirira impuhwe akanabakunda, ntiyari umwirasi kandi ntiyari umuntu usuzugura [amategeko] cyangwa utubaha [abandi].

وَسَلَامٌ عَلَيْهِ يَوْمَ وُلِدَ وَيَوْمَ يَمُوتُ وَيَوْمَ يُبْعَثُ حَيًّا

15. Umunsi yavukiyeho wamubereye uwamahoro, ndetse n'umunsi yapfiriyeho, ndetse no ku munsi w'Imperuka ubwo azazurwa akongera akaba muzima.

وَاذْكُرْ فِي الْكِتَابِ مَرْيَمَ إِذِ انْتَبَذَتْ مِنْ أَهْلِهَا مَكَانًا شَرْقِيًّا

16. [Ntumwa y'Imanana (Sal-Allaahu 'alayhi Wa Aalih Wa Sallam) we!] Bwira abantu iby'inkuru ya Mariyamu [Mariya] iri mu Gitabo [*Qor'ani*]; ubwo yasigaga umuryango we akajya ahantu ho mu burasirazuba [mu rusengero rw'Abayahudi kuhakorera imihango y'idini].

فَاتَّخَذَتْ مِنْ دُونِهِمْ حِجَابًا فَأَرْسَلْنَا إِلَيْهَا رُوحَنَا فَتَمَثَّلَ لَهَا بَشَرًا سَوِيًّا

17. [Aho yari yiherereye muri urwo rusengero] ashyiraho urusika [rwamutandukanyaga n'abandi bantu, kugira ngo abone uko yiherera maze abone uko arushaho gukora amasengesho ye neza]. Tumwoherezaho Roho mutagatifu wacu [Malayika Jibrili (Gaburiyeri)] amwigaragariza mu ishusho y'umuntu wuzuye.

قَالَتْ إِنِّي أَعُوذُ بِالرَّحْمَنِ مِنْكَ إِنْ كُنْتَ تَقِيًّا

18. [Mariyamu (Mariya) amubonye] avugana gutangara kwinshi agira ati: "Mpungiye kuri AL-Rahman na AL-Rahim [Nyirimpuhwe] kugira ngo akundinde. Kandi niba utinya *Allâh* [ntunyegere, ahubwo va hano ugende]".

قَالَ إِنَّمَا أَنَا رَسُولُ رَبِّكِ لِأَهَبَ لَكِ غُلَامًا زَكِيًّا

19. [Malayika] aravuga ati: "Njye nje nk'intumwa ikoherejweho na *Allâh* Umugenga wawe; [Nahawe itegeko kuza kukubwira ko] uzabyara umwana w'umuhungu, uzaba ari umuziranenge, arangwa no kugira imico myiza cyane, ari n'umukiranutsi.

قَالَتْ أَنَّى يَكُونُ لِي غُلَامٌ وَلَمْ يَمْسَسْنِي بَشَرٌ وَلَمْ أَكُ بَغِيًّا

20. [Mariyamu] arabaza ati: "Byashoboka bite ko nabyara umwana ntarabonana n'umugabo n'umwe, ntarigeze mba n'indaya?".

قَالَ كَذَٰلِكِ قَالَ رَبُّكِ هُوَ عَلَيَّ هَيِّنٌ وَلِنَجْعَلَهُ آيَةً لِلنَّاسِ وَرَحْمَةً مِنَّا وَكَانَ أَمْرًا مَقْضِيًّا

21. [Malayika] aramubwira ati: "[Uko mvuze] niko bizaba; *Allâh* Umugenga wawe aravuze ati: "Icyo ni ikintu kinyoroheye cyane kandi kizabaho [ku bw'ubushake bwanjye] kandi tuzamugira ikimenyetso [cyo kwereka abantu ububasha bwacu buhambaye, bugaragariza abantu ko twihariye ubumana bwacu kandi tukanagira n'ububasha bwo kubwira ikintu icyo aricyo cyose ngo baho, maze kigahita kibaho], ni impuhwe ziduturutseho [zo kuyobora abantu ku kuri] kandi ibyo niko [*Allâh*] yabitegetse kandi niko bizaba.

فَحَمَلَتْهُ فَانْتَبَذَتْ بِهِ مَكَانًا قَصِيًّا

22. Maze [Mariyamu (Mariya)] atwita inda y'umwana w'umuhungu [Isa (Yezu)], abonye amaze gutwita, ava mu bantu be arabitarura, ayijyana ahantu ha kure [i Beterehemu (Betlehem) mu nkengero za Yeruzalemu (Jeruselem) hagati y'ibirometero 6-9 uvuye i Yeruzalemu].

فَأَجَاءَهَا الْمَخَاضُ إِلَىٰ جِذْعِ النَّخْلَةِ قَالَتْ يَا لَيْتَنِي مِتُّ قَبْلَ هَٰذَا وَكُنْتُ نَسْيًا مَنْسِيًّا

23. Ibise bikomeye by'inda [y'uwo mwana] bimufashe, bimutera kujya hafi y'igiti cy'umukindo wera imbuto z'amatende [cyari hafi aho]. [Kubera ububabare bwari buvanze n'agahinda yari afite] aravuga ati: Iyaba narapfuye cyera [ibi bitarambaho] ubu mba naribagiranye ntakibukwa.

فَنَادَاهَا مِنْ تَحْتِهَا أَلَّا تَحْزَنِي قَدْ جَعَلَ رَبُّكِ تَحْتَكِ سَرِيًّا

24. Nuko humvikana ijwi [ryari irya rwa ruhinja Isa [Yezu] cyangwa wenda irya Malayika Jibrili (Gaburiyeri)] rivugira munsi ye rimubwira riti:

We kwicwa n'agahinda. Rwose *Allâh* Umugenga wawe atembesheje umugezi w'amazi munsi yawe.

وَهُزِّي إِلَيْكِ بِجِذْعِ النَّخْلَةِ تُسَاقِطْ عَلَيْكِ رُطَبًا جَنِيًّا

25. Kandi nunyeganyeza icyo giti cy'umukindo ucyiganishaho, imbuto nyinshi z'amatende zihishije kandi ziryoshye, ziragihungukaho zikugwe iruhande.

فَكُلِي وَاشْرَبِي وَقَرِّي عَيْنًا فَإِمَّا تَرَيِنَّ مِنَ الْبَشَرِ أَحَدًا فَقُولِي إِنِّي نَذَرْتُ لِلرَّحْمَنِ صَوْمًا فَلَنْ أُكَلِّمَ الْيَوْمَ إِنْسِيًّا

26. Maze urye unanywe ugubwe neza; kandi nugira umuntu uwo ariwe wese ubona, umubwire uti: "Nasezeranyije AL-Rahim [Nyirimpuhwe] ko uyu munsi ndi bwirinde kuvugisha umuntu uwo ariwe wese [ahubwo nkahugira mu bikorwa byo kugaragira *Allâh* gusa]. Bityo rero uyu munsi nta muntu numwe turi buvugane.

فَأَتَتْ بِهِ قَوْمَهَا تَحْمِلُهُ قَالُوا يَا مَرْيَمُ لَقَدْ جِئْتِ شَيْئًا فَرِيًّا

27. Nuko [Mariyamu (Mariya)] ajyana umwana mu bantu be amuteruye mu ntoki. [Abantu be bamubonye] baravuga bati: "Nukuri wakoze ikintu kibi kandi kigayitse cyane!! [Wabyaye utararongowe mu buryo bwemewe n'amategeko]".

يَا أُخْتَ هَارُونَ مَا كَانَ أَبُوكِ امْرَأَ سَوْءٍ وَمَا كَانَتْ أُمُّكِ بَغِيًّا

28. [Bongeraho bati: "Yewe Mariyamu (Mariya) we!] Mushiki wa Haruna [Aroni] we! Mu murimo wo kuba Intumwa y'Imana wakorwaga na so; ntiyigeze agaragaraho kuba umunyabyaha, ndetse na nyoko ntiyigeze agaragarwaho n'ingeso z'uburaya.

فَأَشَارَتْ إِلَيْهِ قَالُوا كَيْفَ نُكَلِّمُ مَنْ كَانَ فِي الْمَهْدِ صَبِيًّا

29. [Ariko Mariyamu (Mariya) ibyo ntiyabyitaho] ahubwo atunga uruhinja rwe urutoki [nk'ikimenyetso cyo kurubereka ngo bagire icyo barubaza cyangwa baruvugishaho ku makuru bashaka kumenya]. Baratangara cyane maze baravuga bati: Byashoboka bite ko tuvugana

n’umwana ukiri ku kiriri?!

قَالَ إِنِّي عَبْدُ اللَّهِ آتَانِيَ الْكِتَابَ وَجَعَلَنِي نَبِيًّا

30. [Uruhinja Isa (Yezu)] ruvuga  mu buryo bw’igitangaza ruti: Njye ndi umugaragu wa *Allâh* kandi yampaye Igitabo [*Ivanjili*] ampa n’inshingano zo kuba Umuhanuzi.

وَجَعَلَنِي مُبَارَكًا أَيْنَ مَا كُنْتُ وَأَوْصَانِي بِالصَّلَاةِ وَالزَّكَاةِ مَا دُمْتُ حَيًّا

31. Yampaye no kuba umunyamugisha aho nzaba ndi hose, kandi yantegetse ko igihe cyose nzaba nkiriho nzajya nkora *Swala* nkanatanga *Zaka*.

وَبَرًّا بِوَالِدَتِي وَلَمْ يَجْعَلْنِي جَبَّارًا شَقِيًّا

32. [Yantegetse] kuzajya numvira mama; kandi ntiyangize umunyagitugu cyangwa ngo angire umunyabyaha.

وَالسَّلَامُ عَلَيَّ يَوْمَ وُلِدْتُ وَيَوْمَ أَمُوتُ وَيَوْمَ أُبْعَثُ حَيًّا

33. Amahoro yari kuri njye ku munsi navukiyeho, azanambaho no ku munsi nzapfiraho, ndetse no ku Munsi w’Imperuka ubwo nzazuka nkongera nkaba muzima.

ذَلِكَ عِيسَى ابْنُ مَرْيَمَ قَوْلَ الْحَقِّ الَّذِي فِيهِ يَمْتَرُونَ

34. Uwo niwe Isa [Yezu] mwene Mariyamu [Mariya]. [Iri niryo] jambo ry’ukuri [yavuzweho na *Qor'ani* atari nk’uko bivugwa muri Bibiliya y’Abakrisito aho usanga ibye] babishidikanyaho [cyangwa babijyaho impaka].

مَا كَانَ لِلَّهِ أَنْ يَتَّخِذَ مِنْ وَلَدٍ سُبْحَانَهُ إِذَا قَضَى أَمْرًا فَإِنَّمَا يَقُولُ لَهُ كُنْ فَيَكُونُ

35. Ni ikintu kidakwiriye [icyubahiro n’ubutungane bya] *Allâh,* ko hari uwamuvugaho ko yabyaye umwana [ibi biravuga ku kuntu Abakrisito

basebya *Allâh* bavuga ko Isa (Yezu) ari umwana we yabyaye]. *Subhanahu* [*Allâh*] ni ahabwe ikuzo [n'icyubahiro kandi ashyirwe hejuru y'ibyo bamubangikanya nabyo byose]. Iyo ategetse ko ikintu kibaho, aravuga gusa ati: Baho! Kikabaho.

وَإِنَّ اللَّهَ رَبِّي وَرَبُّكُمْ فَاعْبُدُوهُ هَذَا صِرَاطٌ مُسْتَقِيمٌ

36. [Isa (Yezu) arakomeza aravuga ati]: *Allâh* ni Umugenga wanjye akaba n'umugenga wanyu, ategeka ibintu n'abantu ko byose bimwumvira kandi bikamucira bugufi. Nuko rero mujye mumugaragira mukore n'ibikorwa bikwiriye gukorwa n'abamugaragira nyabyo. Kubera ko iyo ariyo nzira y'ubukiranutsi igeza abayigendamo aho ari neza.

فَاخْتَلَفَ الْأَحْزَابُ مِنْ بَيْنِهِمْ فَوَيْلٌ لِلَّذِينَ كَفَرُوا مِنْ مَشْهَدِ يَوْمٍ عَظِيمٍ

37. Ariko amatsinda y'abamukurikiye baje nyuma ye, [amadini atandukanye mu Bayahudi no mu Bakrisito] ibya [Isa (Yezu)] ntabwo babivugaho rumwe kandi bazahora batabivugaho rumwe kuzageza ku munsi w'Imperuka. Hagowe abantu batemera [ubumwe bwa *Allâh*, ntibemere Ubumana bwe afiteho umwihariko we wenyine, ntibemere n'ubuhambare bwe]; mbega ukuntu abo bantu bazahura n'akababaro kenshi ubwo bazakoranyirizwa [imbere ya *Allâh*] kuri wa Munsi uzaba uhambaye.

أَسْمِعْ بِهِمْ وَأَبْصِرْ يَوْمَ يَأْتُونَنَا لَكِنِ الظَّالِمُونَ الْيَوْمَ فِي ضَلَالٍ مُبِينٍ

38. Mbega ukuntu bazaba bashobora kureba neza no kumva neza kuri wa Munsi w'urubanza ubwo bazazanwa imbere yacu. Ariko [ikibabaje] n'uko abo bahakanyi bagitsimbaraye ku buyobe bugaragara.

## IGISEKURU CYA MARIYAMU

Izina rya se rivugwa mu bitabo bya gikristo ni "Yawaqim" naho muri Qor'an no muri hadith hajemo ko se ari "Imran"[5]. Muri hadith yavuzwe na Imamu Baqir (AS),yavuze ko Imran yari umwe mu bahanuzi b'Abisiraheli[6]. Naho Ibin Ishaq, yavuze ko igisekuru cya Imran kigera kuri ku ntumwa y'Imana Dawud (David) (as)[7]. Imran yapfuye mbere yuko Mariyam (as) avuka[8].

Nyina wa Imran yitwaga Hanna (Anna), umukobwa wa Faqud[9]. Maryam yavutse mu mwaka wa 20 mbere y'ivuka rya Issa (Yesu)(as)[10]. Muri riwayat z'Abayisilamu dusangamo ko Mariyamu(as) ari umukobwa wa Imran wakomokaga mu rubyaro rwa Haruna (Aroni) mu rubyaro rwo mu muryango wa Lewi (ukomoka kuri Haruna), naho Abakristo bo bavuga ko Mariyamu(as) atakomokaga mu rubyaro rwa Lewi, ahubwo akomoka ku Mwami Dawidi mu rubyaro rwa Yuda. Amateka avuga ko Mariyam (as) yavukiye i Nazareti, mu mujyi wa Galilaya.

## IVUKA RYA MARYAMU (AS)

Intumwa y'Imana Zakariya (as) ni imwe mu ntumwa zavuzwe muri Qor'an aho izina rye ryavuzwe muri Qor'an inshuro zirindwi rigaragara muri surat eshatu. Zakaria bin Barkhaya (as) yari umwe mu bahanuzi b'Abisirayeli, aho igisekuruza cye kigera ku ntumwa y'Imana Dawidi (as). Intumwa Zakariya yari umukuru w'Abatambyi n'abihayimana babaga mu ngo ya Yeruzalemu (Bayt al-Muqadas). Zakariya (as) yahamagariraga abantu kugendera ku mategeko y'Intumwa y'Imana Musa (as).

Mu bwoko bwa Abisiraheli, habagamo abakobwa babiri bava inda imwe kandi bari bubashywe cyane bitwaga Hana (Anna) na Ashiya (cyangwa se Hananah aho muri Bibiliya yiswe Elizabeth) bivugwa ko yari nyina w'intumwa y'imana Yahya (as)[11].

---

5 The Protevangelium Of James-The gospel Of Pseudo-Matthew / Surat Al-Imran, 35
6 Majlisi: Bihar al Anwar: umuzingo wa 14, urup. 202
7 Ibin Kathir: Al-Bidayah wa al-Nihayah: umuzingo wa 2, urup. 56
8 Muqaddasi: Al-Bada 'wa Al-Tarikh: umuzingo wa 3, urup. 119
9 Tarikh Tabari : umuzingo wa 1, p. 585 / Ibin Kathir: Al-Bidayah wa Al-Nahayah: umuzingo wa 2, urup.56
10 K. Flinn, Frank: Encyclopedia of Catholicism: urup.441
11 Majlisi, Muhammad Baqir: Bihar al-Anwar: umuzingo wa 14, urup. 202

Intumwa y'Imana Zakariya yasabye Ashiya naho Imrani nawe wari umwe mu bantu bakomeye mu bwoko bwa Abisiraheli ndetse akaba n'umuntu wari wariyeguriye Imana asaba Hanna (Anna), aho Zakariya(as) yashakanye na Ashiya naho Imran ashakana na Hanna (Anna).Tugendeye kuri riwayah,uyu Imran se wa Mariyamu atandukanye na Imran se w'intumwa y'Imana Mussa (as) kuko umwe yabayeho hashize imyaka 180 undi yitabye Imana[12].

Iyi miryango yombi ntiyabashije guhita ibona urubyaro mu myaka yabo yambere bakimara gushakana. Imran na Hanna (Anna) bamaze igihe kirekire batarabona urubyaro kuko Hanna yari ingumba atabyara[13].

Hanna, nk'abandi bagore bose, yifuzaga kubyara, ku buryo iyo yabonaga umwana, yumvaga nawe yifuje kugira umwana . Umunsi umwe ubwo yari yicaye munsi y'igiti, yabonye inyoni igaburira imishwi yayo, amaze kubona urwo rukundo rwa kibyeyi iyo nyoni ifite,yumva nawe ashatse kugira umwana yakwereka urukundo nk'urwo. Nibwo yatakambiye Imana ayisaba umwana abikuye ku mutima, maze bidatinze isengesho rye rivuye ku mutima rirasubizwa aratwita. Dukurikije ibivugwa muri riwayah , Imran yahishuriwe n'Imana ko vuba aha Imana izaha umugisha umuryango we maze bakabyara umuhungu ushobora kuzajya akiza abarwayi kandi akazazura abapfuye ku itegeko ry'Imana. Imran amaze kumva ibyo Imana imubwiye nawe aragenda abimenyesha umugore we Hanna. Hanna amaze gusama, yatekereje ko umwana atwite ari umuhungu akaba ariwe Imana yababwiye bazabyara (ntamenye ko Imana yashakaga kuvuga umwuzukuru wabo Issa (Yesu) aho Hanna yari atwite nyina ariwe Mariyam). Kubera iyo mpamvu, Hanna waru uziko azabyara umuhungu,yahigiye Imana ko umuhungu we azamushyira mu rusengero rwa Yeruzalemu akaba umugaragu w'Imana.

Hanna agiye kubyara yatangajwe no kubona abyaye umukobwa (ariwe Mariyamu) nuko agira ikibazo cy'ukuntu azahigura umuhigo yahigiye Imana (w'uko umwana we azamutanga agakorera Imana mu rusengero ) kuko muri icyo gihe abahungu nibo bari bemerewe gukora mu rusengero. Hanna amaze kubyara umwana we bamwise Mariyamu (bisobanura ugaragira Imana n'umugaragu wayo) maze asaba Imana muri aya magambo ati:" Mana yange! uyu mwana wange mushyize mu biganza byawe,

[12] Majlisi, Muhammad Baqir: Bihar al-Anwar: umuzingo wa 14, urup. 194
[13] Tarikh Ibin Khaldun: umuzingo wa 1, urup. 159

uzamurinde ndetse we n'abazamukomokaho ubarinde ibishuko bya Shitani wavumwe"[14].

Qor'an muri Surat Al-Imrani: Ayat ya 35-36-37) ivuga ivuka rya Mariyamu (as) muri ubu buryo:

35. Zirikana ubwo umugore wa Imrani yavugaga ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye we! Mu by'ukuri njye ngutuye [uyu mwana] uri mu inda yanjye mukwegurira [ngo azabe umukozi w'idini yawe], kandi binyemerere. Mu by'ukuri, ni Wowe AL-Sami' [Uwumva buri wese ukwinginga agusaba] AL-'Alim [Ukanamenya neza imigambi ya buri muntu].

36. Amaze kumubyara avugana [gutangara kwinshi] ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye we! Mu by'ukuri mubyaye ari umukobwa nyamara *Allâh* azi neza uwo yabyaye, kandi umuhungu [nakekaga ko nzabyara] si nk'umukobwa [nabyaye]. Namwise Mariyamu [Mariya bisobanura umukozi w'Imana] mu by'ukuri, ndamukurindishije n'urubyaro rwe, [ubarinde] ikivume Shitani.

*37. Allâh* Umugenga we amwakira neza, amukuza amutoza gukora ibyiza no kuba intungane, amushinga Zakariya [ngo amurere]. Buri uko [Zakariya] yinjiraga mu cyumba [cye yasengeragamo], yasangaga [Mariyamu] afite ibyo kurya. Aravuga ati: Yewe Mariyamu we! Ibi [byokurya] ubikura he? Aramusubiza ati: Ibi [biribwa] biva kwa *Allâh*, mu by'ukuri *Allâh* afungurira uwo ashaka nta kiguzi.]

Ku rundi ruhande, Zakariya (as) n'umugore we Ashiya bo ntibababashije kubyara mu buto bwabo kuko Ashiya yari ingumba. Nk'uko tubisanga muri Qor'ana, Zakariya na Ashiya ku bw'igitangaza cy'Imana babyaye intumwa y'Imana Yahya [Yohana(as)] ubwo bari bageze mu gihe cy'izabukuru, aho Qor'an muri Surat Mariyam ayah ya 2 kugeza kuri ayah ya 11 igira iti:"

ذِكْرُ رَحْمَتِ رَبِّكَ عَبْدَهُ زَكَرِيَّا

[14] Surat Al-Imrani:Ayat ya 35-36-37

2. [Ntumwa y'Imana ( Sal-Allaahu 'alayhi Wa Aalih Wa Sallam) we! Iyi] ni inkuru ivuga ku gihe kimwe *Allâh* Umugenga wawe yahundagaje impuhwe ze ku mugaragu we Zakariya.

إِذ نَادَى رَبَّهُ نِدَاءً خَفِيًّا

3. Ubwo mu isengesho ry'ubusabe yatuye abwira *Allâh* Umugenga we ibibazo bye asaba bucece ku mutima ari ahantu yitaruye abandi bantu.

قَالَ رَبِّ إِنِّي وَهَنَ الْعَظْمُ مِنِّي وَاشْتَعَلَ الرَّأْسُ شَيْبًا وَلَمْ أَكُنْ بِدُعَائِكَ رَبِّ شَقِيًّا

4. Aravuga ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Mu by'ukuri mbayeho imyaka myinshi yo gutuma amagufwa yanjye anegekara, n'umusatsi wo ku mutwe wanjye wose ukaba umaze kuba uruyenzi [imvi]. Kandi sinari nigera mbona n'umunsi n'umwe, amasengesho y'ubusabe ngutura aba imfabusa ngo ndake gusubizwa.

وَإِنِّي خِفْتُ الْمَوَالِيَ مِنْ وَرَائِي وَكَانَتِ امْرَأَتِي عَاقِرًا فَهَبْ لِي مِنْ لَدُنْكَ وَلِيًّا

5. Mu by'ukuri ndatinya ko bene wacu n'abo duhuje ibitekerezo, nyuma y'uko nzaba ntakiriho [bazonona idini yawe ntibakugaragagire nk'uko bikwiriye]. Kandi n'umugore wanjye akaba ari ingumba atarigeze abyara. Nuko rero [*Allâh* Umugenga wanjye We!] Ndagusaba nkwingize ngo umpe umwana wo kuzanzungura [aze] aguturutseho muheshejwe n'ubuntu bwawe buhebuje.

يَرِثُنِي وَيَرِثُ مِنْ آلِ يَعْقُوبَ وَاجْعَلْهُ رَبِّ رَضِيًّا

6. Uzanzungura nkamuraga ubumenyi wampaye n'uburyo bwo kugaragaza ukwemera no kukugaragira nyabyo wanshyizemo, no kuzazungura [imitungo ya bene wabo] bo mu muryango wa Yakubu; Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Uzamugire uwishimirwa [uzajye unamuhundagazaho impuhwe n'imigisha byawe].

يَا زَكَرِيَّا إِنَّا نُبَشِّرُكَ بِغُلَامٍ اسْمُهُ يَحْيَى لَمْ نَجْعَلْ لَهُ مِنْ قَبْلُ سَمِيًّا

7. [Ubusabe bwe burasubizwa, maze arabwirwa ati]: Yewe Zakariya we! Tuguhaye inkuru nziza y'uko uzabyara umwana w'umuhungu izina rye rizaba ari Yahaya [Yohana]: Nta wundi muntu wabayeho mbere ye Twigeze duha iryo zina.

قَالَ رَبِّ أَنَّى يَكُونُ لِي غُلَامٌ وَكَانَتِ امْرَأَتِي عَاقِرًا وَقَدْ بَلَغْتُ مِنَ الْكِبَرِ عِتِيًّا

8. [Zakariya aratangara cyane] maze aravuga ati: Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Byashoboka bite ko mbona umwana w'umuhungu kandi umugore wanjye ari ingumba, nanjye nkaba maze kuba umusaza rukukuri utagifite intege?

قَالَ كَذَلِكَ قَالَ رَبُّكَ هُوَ عَلَيَّ هَيِّنٌ وَقَدْ خَلَقْتُكَ مِنْ قَبْلُ وَلَمْ تَكُ شَيْئًا

9. [*Allâh*] aravuga ati: Uko niko bizaba, kandi ibyo ni *Allâh* Umugenga wawe ubivuze agira ati: Icyo ni ikintu kinyoroheye cyane, kuko n'ubundi ni Njye wakuremye mbere ngukuye mu busa.

قَالَ رَبِّ اجْعَلْ لِي آيَةً قَالَ آيَتُكَ أَلَّا تُكَلِّمَ النَّاسَ ثَلَاثَ لَيَالٍ سَوِيًّا

10. [Zakariya] aravuga ati: "Ayii! *Allâh* Umugenga wanjye We! Ndakwinginze mpa ikimenyetso [kinyemeza ko ibi bizaba nkabyara uwo mwana]? [*Allâh*] Arabwirwa ati: "Ikimenyetso uhawe ni uko utazongera kubasha kuvugisha abantu kumara igihe cy'iminsi itatu n'ubwo uri muzima [utari ikiragi cyangwa ngo ube ufite ubundi burwayi buzaba bugutera kutabishobora]".

فَخَرَجَ عَلَى قَوْمِهِ مِنَ الْمِحْرَابِ فَأَوْحَى إِلَيْهِمْ أَنْ سَبِّحُوا بُكْرَةً وَعَشِيًّا

11. N'uko avuye muri *Mihraab* [icyumba abantu bihererreramo basenga] asanga abantu be [ariko kubavugisha ntiyaba akibishobora ahubwo] akoresha amarenga agerageza kubabwira ngo bajye bahimbaza *Allâh* kenshi buri gitondo na buri mugoroba [ku bw'iyo nkuru nziza yari amaze kubwirwa].

## MARIYAM (AS) YEGURIRWA IMANA AGATANGIRA GUKORA MU RUSENGERO

Dukurikije amateka, Imran, se wa Mariya (sa), yapfuye mbere y'uko Mariya (sa) avuka. Ku bw'ibyo, Maryam (sa) kugirango abashe gukora inshingano ze mu rusengero, yari akeneye umuhagararizi n'uzamwitaho. Niyo mpamvu Hanna yazanye Mariya, wari umwana, amuzana i Yerusalemu ku rusengero ahari hari intiti n'abahanga mu by'iyobokamana b'Abayahudi, aho Hazrat Zakaria (as) nawe yari muri bo, arabibwira ati: "Uyu mwana ni impano y'uru rusengero rw'i Yerusalemu, ariko akeneye kwitabwaho n'umwe muri mwe".

Kuberako ibimenyetso by'ubuhambare no kuba umuntu udasanzwe byagaragaraga mu ruhanga rwa Mariya(as), Abahanga n'intiti mu by'amategeko y'Idini bo muri bene Isiraheli, batangiye kuvugana bashaka kureba uwaba umuhagararizi akanita kuri uwo mwana, aho buri wese muri bo yashakaga ko ariwe wahabwa izo nshingano agahabwa uwo mwana byagaragaraga ko ari umwana udasanzwe. Kugirango bakemure impaka, bahisemo gutombora kugirango barebe uwegukana uwo mwana maze bajya ku mugezi. Bazana uduti (utubahu) bakoreshaga batombora , bandikaho buri zina ry'umuntu wese ushaka kuba umuhagararizi n'umurezi w'uwo mwana maze utwo duti batujugunya mu mugezu, nuko baravuga bati:" Ugomba kwegukana uwo mwana ni umuntu wanditse ku gati kaza gusigara kareremba hejuru y'amazi. Abo uduti twabo(twanditseho amazina yabo tuza kurohama,baraba bahombye)".

Uduti twose twararohamye hasigara agati kanditseho Zakariya(as) nawe waruri mu bashaka kurera Mariyamu no kumubera umuhagararizi. Nuko Zakariya aba umuhagararizi n'umurezi wa Mariyam(as). Mu by'ukuri wari umugambi w'Imana kugirango Mariyam(as)arerwe n'umuntu nka Zakariya(as) wari intumwa y'Imana ndetse akaba yari anafite icyo apfana na Mariyamu(as) kuko yari yarashatse nyinawabo wa Mariyamu ariwe Ashiya [(wavaga inda imwe na Hanna nyina wa Mariyamu. Biragaragaraga ko Yahya [(Yohana)(as)] umuhungu wa Zakariya na Ashiya yari afite icyo apfana na Yesu kuko Ashiya yavaga indimwe na Hanna kandi Hanna akaba ariwe wabyaye Mariyam (as) nyina wa Yesu(as))]bishatse kuvuga ko Mariya yari agiye kurerwa na nyinawabo ndetse n'Intumwa y'Imana Zakariya(as)[15].

[15] Tabarsi, Fadwil Ibin Hassan:Majmau al-Bayan: umuzingo wa 1-2, urup. 436 / Majlisi: Bihar al-Anwar: umuzingo wa 14, urup. 202 / Ibin Kathir: Al-Bidayah wa al-Nihayah: umuzingo wa 2, urup. 58

Hazrat Maryam (as) yatangiye gukora mu rusengero rwa Yeruzalemu maze Imana imwemera kuri uyu mwanya. Bamwe bavuga ko ikimenyetso cy'uko Imana yemeye urwego rwa Mariyamu rwo gukora mu Rusengero, nuko Mariya (saww) atigeze ajya mu mihango aho byari gutuma ava mu rusengero akagenda ( amategeko y'Abayahudi yavuygaga ko umukobwa cyangwa umugore uri mu mihango atemerewe kwinjira mu rusengero rwera rw'i Yerusalemu.Kugira ngo Imana irinde Mariyam gusohoka mu rusengero,yamurinze kujya mu mihango). Mariyam (as) kuva mu bwana bwe yabaga ari muri urwo rusengero aho yagandukiraga Imana cyane kumanywa akiyiriza naho nijoro akarara agandukira Imana asenga[16].

Kubera kugandukira Imana cyane no guhora yasibye, Imana yohererezaga Mariyam (as) amafunguro meza cyane ndetse aherekejwe n'imbuto ziryoshye cyane[17]. Buri gihe ubwo Zakariya(as) yajyaga ajya kureba Mariya(as) aho yasengeraga yahabonaga amafunguro y'ubwoko butandukanye maze umunsi umwe aza kugira amatsiko aramubaza ati: " Yewe Mariyam! Aya mafunguro n'imbuto mbona hano,bivahe?". Mariyam(as) Aramusubiza ati:

هُوَ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ اِنَّ اللَّهَ يرْزُقُ مَنْ يشاءُ بِغَيرِ حِسابٍ

**Ibi [biribwa] biva kwa *Allâh*, mu by'ukuri *Allâh* afungurira uwo ashaka nta kiguzi.]**

## ISAMWA RYA ISSA (YESU)(AS) MURI QOR'AN

Mariyam (as) wari wariyeguriye Imana aba mu rusengero aho Zakariya(as) yari yaramushakiyemo aho kuba akanahakorera ibikorwa byo kugandukira Imana, ubwo yari agejeje igihe cy'ubukure ari mu rusengero uko bisanzwe, Allah yohereje Malayika we (Gaburiheri-Gibril) aza mu ishusho y'umuntu maze aramubonekera aramubwira ati:

فَاتَّخَذَتْ مِنْ دُونِهِمْ حِجَابًا فَأَرْسَلْنَا إِلَيْهَا رُوحَنَا فَتَمَثَّلَ لَهَا بَشَرًا سَوِيًّا

17. [Aho yari yiherereye muri urwo rusengero] ashyiraho urusika [rwamutandukanyaga n'abandi bantu, kugira ngo abone uko yiherera

[16] Tabarsi, Fadwil Ibin Hassan: Majmau al-Bayan: umuzingo wa 1-2, urup. 436
[17] Muqaddasi: Al-Bada wa Al-Tarikh: umuzingo wa 3, urup. 119 / Ibin Kathir: Al-Bidayah wa al-Nihayah: umuzingo wa 2, urup. 58

maze abone uko arushaho gukora amasengesho ye neza]. Tumwoherezaho Roho mutagatifu wacu [Malayika Jibrili (Gaburiyeri)] amwigaragariza mu ishusho y'umuntu wuzuye.

قَالَتْ إِنِّي أَعُوذُ بِالرَّحْمَنِ مِنْكَ إِنْ كُنْتَ تَقِيًّا

18. [Mariyamu (Mariya) amubonye] avugana gutangara kwinshi agira ati: "Mpungiye kuri AL-Rahman na AL-Rahim [Nyirimpuhwe] kugira ngo akundinde. Kandi niba utinya *Allâh* [ntunyegere, ahubwo va hano ugende]".

قَالَ إِنَّمَا أَنَا رَسُولُ رَبِّكِ لِأَهَبَ لَكِ غُلَامًا زَكِيًّا

19. [Malayika] aravuga ati: "Njye nje nk'intumwa ikoherejweho na *Allâh* Umugenga wawe; [Nahawe itegeko kuza kukubwira ko] uzabyara umwana w'umuhungu, uzaba ari umuziranenge, arangwa no kugira imico myiza cyane, ari n'umukiranutsi.

قَالَتْ أَنَّى يَكُونُ لِي غُلَامٌ وَلَمْ يَمْسَسْنِي بَشَرٌ وَلَمْ أَكُ بَغِيًّا

20. [Mariyamu] arabaza ati: "Byashoboka bite ko nabyara umwana ntarabonana n'umugabo n'umwe, ntarigeze mba n'indaya?".

قَالَ كَذَلِكِ قَالَ رَبُّكِ هُوَ عَلَيَّ هَيِّنٌ وَلِنَجْعَلَهُ آيَةً لِلنَّاسِ وَرَحْمَةً مِنَّا وَكَانَ أَمْرًا مَقْضِيًّا

21. [Malayika] aramubwira ati: "[Uko mvuze] niko bizaba; *Allâh* Umugenga wawe aravuze ati: "Icyo ni ikintu kinyoroheye cyane kandi kizabaho [ku bw'ubushake bwanjye] kandi tuzamugira ikimenyetso [cyo kwereka abantu ububasha bwacu buhambaye, bugaragariza abantu ko twihariye ubumana bwacu kandi tukanagira n'ububasha bwo kubwira ikintu icyo aricyo cyose ngo baho, maze kigahita kibaho], ni impuhwe ziduturutseho [zo kuyobora abantu ku kuri] kandi ibyo niko [*Allâh*] yabitegetse kandi niko bizaba.

## ISAMWA RYA YESU (ISSA)(AS) MURI BIBILIYA

Naho mu Ivanjiri ya Luka 1: 26-38, nk'uko byemerwa n'Abakristu, dusangamo inkuru ivuga uko ivuka rya Issa (Yesu)(as) bijya gusa nk'uko tubisanga muri Qor'an:
Lk 1:26 Mu kwezi kwa gatandatu, Marayika Gaburiyeli atumwa n'Imana mu mudugudu w'i Galilaya witwa i Nazareti,
Lk 1:27 ku mwari wari warasabwe n'umugabo witwaga Yosefu wo mu nzu ya Dawidi, izina ry'uwo mwari ni Mariya.
Lk 1:28 Amusanga aho yari ari aramubwira ati "Ni amahoro Uhiriwe, Umwami Imana iri kumwe nawe."
Lk 1:29 Ariko we ahagarika umutima cyane w'iryo jambo, atekereza iyo ndamutso icyo ari cyo.
Lk 1:30 Marayika aramubwira ati "Witinya Mariya, kuko uhiriwe ku Mana.
Lk 1:31 Kandi dore uzasama inda, uzabyara umuhungu uzamwite Yesu.
Lk 1:32 Azaba mukuru, azitwa Umwana w'Isumbabyose kandi Umwami Imana izamuha intebe y'ubwami ya sekuruza Dawidi,
Lk 1:33 Azima mu nzu ya Yakobo iteka ryose, ubwami bwe ntibuzashira."
Lk 1:34 Mariya abaza marayika ati "Ibyo bizabaho bite ko ntararyamana n'umugabo?"
Lk 1:35 Marayika aramusubiza ati "Umwuka Wera azakuzaho, n'imbaraga z'Isumbabyose zizagukingiriza, ni cyo gituma Uwera uzavuka azitwa Umwana w'Imana.
Lk 1:36 Kandi dore mwene wanyu Elizabeti na we afite inda y'umuhungu yo mu za bukuru, uwitwaga ingumba none uku ni ukwezi kwe kwa gatandatu,
Lk 1:37 Kuko ari nta jambo Imana ivuga ngo rihere."
Lk 1:38 Mariya aramubwira ati: "Dore ndi umuja w'Umwami Imana, bimbere uko uvuze." Nuko malayika amusiga aho aragenda.

## IVUKA RYA ISSA (YESU)(AS)

Ku kijyanye n'uburyo Mariyam (as) yabyaye Issa (as), Qor'an itubwira iyi nkuru muri aya magambo :

قَالَتْ أَنَّى يَكُونُ لِي غُلَامٌ وَلَمْ يَمْسَسْنِي بَشَرٌ وَلَمْ أَكُ بَغِيًّا

20. [Mariyamu] arabaza ati: "Byashoboka bite ko nabyara umwana ntarabonana n'umugabo n'umwe, ntarigeze mba n'indaya?".

قَالَ كَذَلِكِ قَالَ رَبُّكِ هُوَ عَلَيَّ هَيِّنٌ وَلِنَجْعَلَهُ آيَةً لِلنَّاسِ وَرَحْمَةً مِنَّا وَكَانَ أَمْرًا مَقْضِيًّا

21. [Malayika] aramubwira ati: "[Uko mvuze] niko bizaba; *Allâh* Umugenga wawe aravuze ati: "Icyo ni ikintu kinyoroheye cyane kandi kizabaho [ku bw'ubushake bwanjye] kandi tuzamugira ikimenyetso [cyo kwereka abantu ububasha bwacu buhambaye, bugaragariza abantu ko twihariye ubumana bwacu kandi tukanagira n'ububasha bwo kubwira ikintu icyo aricyo cyose ngo baho, maze kigahita kibaho], ni impuhwe ziduturutseho [zo kuyobora abantu ku kuri] kandi ibyo niko [*Allâh*] yabitegetse kandi niko bizaba.

فَحَمَلَتْهُ فَانْتَبَذَتْ بِهِ مَكَانًا قَصِيًّا

22. Maze [Mariyamu (Mariya)] atwita inda y'umwana w'umuhungu [Isa (Yezu)], abonye amaze gutwita, ava mu bantu be arabitarura, ayijyana ahantu ha kure [i Beterehemu (Betlehem) mu nkengero za Yeruzalemu (Jeruselem) hagati y'ibirometero 6-9 uvuye i Yeruzalemu].

فَأَجَاءَهَا الْمَخَاضُ إِلَى جِذْعِ النَّخْلَةِ قَالَتْ يَا لَيْتَنِي مِتُّ قَبْلَ هَذَا وَكُنْتُ نَسْيًا مَنْسِيًّا

23. Ibise bikomeye by'inda [y'uwo mwana] bimufashe, bimutera kujya hafi y'igiti cy'umukindo wera imbuto z'amatende [cyari hafi aho]. [Kubera ububabare bwari buvanze n'agahinda yari afite] aravuga ati: Iyaba narapfuye cyera [ibi bitarambaho] ubu mba naribagiranye ntakibukwa.

فَنَادَاهَا مِنْ تَحْتِهَا أَلَّا تَحْزَنِي قَدْ جَعَلَ رَبُّكِ تَحْتَكِ سَرِيًّا

24. Nuko humvikana ijwi [ryari irya rwa ruhinja Isa [Yezu] cyangwa wenda irya Malayika Jibrili (Gaburiyeri)] rivugira munsi ye rimubwira

riti: We kwicwa n'agahinda. Rwose *Allâh* Umugenga wawe atembesheje umugezi w'amazi munsi yawe.

وَهُزِّي إِلَيْكِ بِجِذْعِ النَّخْلَةِ تُسَاقِطْ عَلَيْكِ رُطَبًا جَنِيًّا

25. Kandi nunyeganyeza icyo giti cy'umukindo ucyiganishaho, imbuto nyinshi z'amatende zihishije kandi ziryoshye, ziragihungukaho zikugwe iruhande.

فَكُلِي وَاشْرَبِي وَقَرِّي عَيْنًا فَإِمَّا تَرَيِنَّ مِنَ الْبَشَرِ أَحَدًا فَقُولِي إِنِّي نَذَرْتُ لِلرَّحْمَنِ صَوْمًا فَلَنْ أُكَلِّمَ الْيَوْمَ إِنْسِيًّا

26. Maze urye unanywe ugubwe neza; kandi nugira umuntu uwo ariwe wese ubona, umubwire uti: "Nasezeranyije AL-Rahim [Nyirimpuhwe] ko uyu munsi ndi bwirinde kuvugisha umuntu uwo ariwe wese [ahubwo nkahugira mu bikorwa byo kugaragagira *Allâh* gusa]. Bityo rero uyu munsi nta muntu numwe turi buvugane.

فَأَتَتْ بِهِ قَوْمَهَا تَحْمِلُهُ قَالُوا يَا مَرْيَمُ لَقَدْ جِئْتِ شَيْئًا فَرِيًّا

27. Nuko [Mariyamu (Mariya)] ajyana umwana mu bantu be amuteruye mu ntoki. [Abantu be bamubonye] baravuga bati: "Nukuri wakoze ikintu kibi kandi kigayitse cyane!! [Wabyaye utararongowe mu buryo bwemewe n'amategeko]".

يَا أُخْتَ هَارُونَ مَا كَانَ أَبُوكِ امْرَأَ سَوْءٍ وَمَا كَانَتْ أُمُّكِ بَغِيًّا

28. [Bongeraho bati: "Yewe Mariyamu (Mariya) we!] Mushiki wa Haruna [Aroni] we! Mu murimo wo kuba Intumwa y'Imana wakorwaga na so; ntiyigeze agaragaraho kuba umunyabyaha, ndetse na nyoko ntiyigeze agaragarwaho n'ingeso z'uburaya.

فَأَشَارَتْ إِلَيْهِ قَالُوا كَيْفَ نُكَلِّمُ مَنْ كَانَ فِي الْمَهْدِ صَبِيًّا

29. [Ariko Mariyamu (Mariya) ibyo ntiyabyitaho] ahubwo atunga uruhinja rwe urutoki [nk'ikimenyetso cyo kurubereka ngo bagire icyo barubaza cyangwa baruvugishaho ku makuru bashaka

kumenya]. Baratangara cyane maze baravuga bati: Byashoboka bite ko tuvugana n'umwana ukiri ku kiriri?!

قَالَ إِنِّي عَبْدُ اللَّهِ آتَانِيَ الْكِتَابَ وَجَعَلَنِي نَبِيًّا

30. [Uruhinja Isa (Yezu)] ruvuga mu buryo bw'igitangaza ruti: Njye ndi umugaragu wa *Allâh* kandi yampaye Igitabo [*Ivanjili*] ampa n'inshingano zo kuba Umuhanuzi.

وَجَعَلَنِي مُبَارَكًا أَيْنَ مَا كُنْتُ وَأَوْصَانِي بِالصَّلَاةِ وَالزَّكَاةِ مَا دُمْتُ حَيًّا

31. Yampaye no kuba umunyamugisha aho nzaba ndi hose, kandi yantegetse ko igihe cyose nzaba nkiriho nzajya nkora *Swala* nkanatanga *Zaka*.

وَبَرًّا بِوَالِدَتِي وَلَمْ يَجْعَلْنِي جَبَّارًا شَقِيًّا

32. [Yantegetse] kuzajya numvira mama; kandi ntiyangize umunyagitugu cyangwa ngo angire umunyabyaha.

وَالسَّلَامُ عَلَيَّ يَوْمَ وُلِدْتُ وَيَوْمَ أَمُوتُ وَيَوْمَ أُبْعَثُ حَيًّا

33. Amahoro yari kuri njye ku munsi navukiyeho, azanambaho no ku munsi nzapfiraho, ndetse no ku Munsi w'Imperuka ubwo nzazuka nkongera nkaba muzima.

ذَلِكَ عِيسَى ابْنُ مَرْيَمَ قَوْلَ الْحَقِّ الَّذِي فِيهِ يَمْتَرُونَ

34. Uwo niwe Isa [Yezu] mwene Mariyamu [Mariya]. [Iri niryo] jambo ry'ukuri [yavuzweho na *Qor'ani* atari nk'uko bivugwa muri Bibiliya y'Abakrisito aho usanga ibye] babishidikanyaho [cyangwa babijyaho impaka].

Iki gitangaza cyakozwe n'intumwa y'Imana Issa (as) akiri umwana ndetse n'amagambo yavuze, ni bumwe mu buryo Imana yakoresheje ishaka kwerekana ko Issa (as) ari intumwa y'Imana ndetse Imana ikaba yarashakaga gutegura abantu gutangira kuyoboka Issa(as) no kumuguma iruhande bakamutega amatwi akabigisha[18].

## ESE MARIYAM (AS) NYUMA YO KUBYARA ISSA(YESU) (AS) YARASHATSE?

Amateka avuga mu buryo bunyuranye ibijyanye niba Mariyam(as) nyuma yo kubyara Issa (as) yarashatswe na Yusuf ( Yozefu w'umubaji) wari waremerewe kubana nawe cyangwa se niba yarakomeje kuba isugi kugeza yitabye Imana. Hari ukunyuranya hagati y'amadini ya gikiristu ndetse n'andi madini. Ndetse hakaba n'ukunyuranya ku kijyanye niba Mariyam (as) yarabyaye abandi bana barumuna ba Yesu (Issa) (as). Mu Ivanjili yanditswe na Luka 8:19-21 haragira hati:

Lk 8:19 Nuko nyina na bene se baza aho ari, ariko ntibabasha kumugeraho kuko abateraniye aho ari benshi.
Lk 8:20 Abantu baramubwira bati “Nyoko na bene so bahagaze hanze baragushaka.”
Lk 8:21 Na we arabasubiza ati “Mama na bene Data ni aba bumva ijambo ry'Imana bakarikomeza.”

No muri Matayo 12:46-47 haravuga hati:

Mt 12:46 Akivugana n'abantu, nyina na bene se bari bahagaze hanze, bashaka kuvugana na we.

Mt 12:47 Umuntu aramubwira ati “Nyoko na bene so bahagaze hanze barashaka ko muvugana.”

Ndetse no mu ivanjili ya Mariko 6:3-4 havugwamo amazina ya b'abavandimwe ba Yesu, haravuga hati:

---

[18] Atwayyib al-Bayan fi Tafsir al-Qor'an (Sayyid Abdu al-Hussein Twayyib): Umuz.3 urup.182 / Bihar al-Anwar: Umuz.14 urup.225 / Tafsir Qumiy: Umuz.2 urup.49 / Maswhaf Mubiin: Numero 5 urup.53-63.

Mk 6:2 Isabato isohoye aherako yigishiriza mu isinagogi, benshi babyumvise baratangara bati “Ibi byose uyu yabikuye he? Kandi ubu bwenge yahawe n'ibitangaza bingana bitya akora abikura he?
Mk 6:3 Mbese si we wa mubaji mwene Mariya, mwene se wa Yakobo na Yosefu, na Yuda na Simoni? Bashiki be na bo ntiduturanye?” Ibye birabayobera.

Bamwe mu bakrisitu bahakanye ko Mariyam (as) yashatse umugabo ndetse bahakana ko yabyaye undi mwana nyuma ya Yesu (as). Mu kinyejana cya gatanu nyuma y'ivuka rya Yesu(as), abakuru ba Kiliziya (Abagatulika na Abarutodogisi) bemeje ko Mariyam (as) atigeze ashaka, atigeze abyara abandi bana nyuma ya Yesu (as) ahubwo akaba yaragumye kuba isugi kugeza yitabye Imana[19].

Mukugaragaza abavandimwe ba Yesu(as) bavuzwe mu mavanjili atandukanye twabonye, bavuga ko abavandimwe ba Yesu(as) bavuzwe ari abamuhoraga iruhande bumva ijambo ry'Imana bakanarikurikiza[20].

Mu bitabo by'Abasilamu naho hagaragaramo riwayah(imirongo) zerekana ko Mariyam (as) atigeze ashaka umugabo mu buzima bwe bwose ndetse akaba nta w'undi mwana yabyaye nyuma ya Yesu(as) aho bifashisha gihamya y'uko ubwo Mariyam(as) yajyanwaga mu rusengero ngo akorere Imana, atigeze asohokamo keretse ubwo habaga hari ikintu gikomeye cyatumaga asohokamo nko kuba yarasohotsemo agiye kubyara. Bityo rero akaba yaritabye Imana akiri isugi.

## ESE MARIYAM (AS) YARAPYUYE CYANGWA YAGIYE MU IJURU ADAPFUYE?

Mu bakiristu bo hambere hasakaye imyemerere y'uko Mariyam(as) yagiye mu ijuru adapfuye. Uko ibihe byagiye bikurikirana nibwo iyo myemerere yakwiriye mu bantu bose maze biba imyemerere rusange y'abakristu Gatulika na Ortodogisi[21]. Naho abakristu basengera mu itorero rya Protesitanti bo ntago bemera iyo myemerere[22].

---

[19] Cross, F. L. (ed.), The Oxford dictionary of the Christian Church: urup.1047
[20] Kalam Masihi (Hussein Tawufiqi): Urup.67
[21] Britannica Encyclopedia of World Religions: urup.696.
[22] Jahan Masihiyat:Urup.180

Mu bitabo bya Abakiristu bamwe bavuga ko Mariyam (as) yitabye Imana, hashize imyaka 35 Yesu(as) avutse, yitaba Imana afite imyaka 51 y'amavuko[23]. Mu bitabo by'Abasilamu, nko mu gitabo kitwa Usul al-Kafi bavuga ko Mariyam(as) yitabye Imana mbere y'uko Yesu (as) azamurwa mu ijuru,aho Yesu ubwe ariwe wamwogeje aranamushyingura[24].

## MARIYAM (AS) MURI ISLAMU

Kimwe mubyerekana ubuhambare bwa Mariyam (as) ni uko muri Qor'ani yose, havugwamo izina ry'umugore umwe gusa, uwo nta wundi ni "Mariyam cyangwa se Mariya(as)", nyina wa Yesu (sa). Mu gihe abandi bagore bavuzwe muri Qor'an bo bavugwaga hatavuzwe amazina yabo nyirizina. Mariyam (as) ntiyavuzwe muri Ayat (imirongo) za Qor'an gusa ahubwo yanitiriwe imwe muri Surat za Qor'an yitwa Surat Mariyam (isurat ya 19 muri Qor'an). Mariyam (as) yavuzwe muri Qor'an inshuro 34 zose avugwa hanavugwa izina rye. Mu nkuru (riwayah) z'Abashiya n'Abasuni, izina rya Maryam (as) rivugwa hamwe n'amazina y'abagore bakomeye kandi b'intungane aribo Fatimah Zahra(as), Khadijah(as) na Asiah(as) nk'abagore bane ba mbere bo mu ijuru[25].

Imana muri Qor'ani yerekanye Mariyam(as) nk'umugore w'intungane kandi watoranijwe mu bandi bagore ndetse uruta abandi bagore bo mu gihe cye,aho Allah avuga ati:

وَإِذْ قَالَتِ الْمَلَائِكَةُ يَا مَرْيَمُ إِنَّ اللَّهَ اصْطَفَاكِ وَطَهَّرَكِ وَاصْطَفَاكِ عَلَى نِسَاءِ الْعَالَمِينَ (٤٢)

**Zirikana ubwo Abamalayika bavugaga bati: Yewe Mariyamu we! Mu by'ukuri, *Allâh* yaguhisemo arakweza akurutisha abagore bose bo ku isi [bo mu gihe cyawe][26].**

---

[23] K. Flinn, Frank, Encyclopedia of Catholicism: p.441)
[24] Al-Kafi (Kulayini): Umuz.1 urup.459
[25] Ibin Abdu al-Barr: Al-Isti'ab: umuzingo wa 4, urup. 1823 / Majilisi: Bihar al-Anwar: umuzingo wa 8, urup. 178
[26] Surat Aal-Imran: Ayah ya 42

Imana kandi  muri Qor'an Muri Surat At-Tahrim ayah ya 12, yerekanye Mariyam(as) nk'ugomba gufatwaho urugero n'abemeramana aho igira iti:

وَمَرْيَمَ ابْنَتَ عِمْرَانَ الَّتِي أَحْصَنَتْ فَرْجَهَا فَنَفَخْنَا فِيهِ مِنْ رُوحِنَا وَصَدَّقَتْ بِكَلِمَاتِ رَبِّهَا وَكُتُبِهِ وَكَانَتْ مِنَ الْقَانِتِينَ (١٢)

**Na Mariyam(as) umukobwa wa Imran, umukobwa warinze ubwambure bwe hanyuma tukamuhuhamo roho yacu,yemera amagambo ya Allah umugenga we n'ibitabo bye.Aba mu bacira bugufi (ubushake bwacu).**

Muri Qor'ani hagaragaramo imirongo igaraza ko Mariyam(as) yavuganaga n'abamarayika inshuro nyinshi. Nko muri Surat Aal-Imran ayah ya 45 aho Imana igira iti:

إِذْ قَالَتِ الْمَلَائِكَةُ يَا مَرْيَمُ إِنَّ اللَّهَ يُبَشِّرُكِ بِكَلِمَةٍ مِنْهُ اسْمُهُ الْمَسِيحُ عِيسَى ابْنُ مَرْيَمَ وَجِيهًا فِي الدُّنْيَا وَالْآخِرَةِ وَمِنَ الْمُقَرَّبِينَ (٤٥)

**"Zirikana ubwo Abamalayika bavugaga bati: Yewe Mariyamu we! Mu by'ukuri, *Allâh* araguha inkuru nziza [y'umwana] mu ijambo rimuturutseho [rigira riti: Baho! Akabaho]. Izina rye ni Masihi Isa [*Yezu*] mwene Mariyamu. Ni umunyacyubahiro ku isi no mu buzima buzaza hanyuma y'ubu, kandi ni umwe mu bantu begereye [*Allâh*] cyane".**

Imana muri Qor'ani ivugako kandi ariyo yatoje Mariyam(as) uburere bwiza,aho Imana igira iti:

فَتَقَبَّلَهَا رَبُّهَا بِقَبُولٍ حَسَنٍ وَأَنْبَتَهَا نَبَاتًا حَسَنًا وَكَفَّلَهَا زَكَرِيَّا كُلَّمَا دَخَلَ عَلَيْهَا زَكَرِيَّا الْمِحْرَابَ وَجَدَ عِنْدَهَا رِزْقًا قَالَ يَا مَرْيَمُ أَنَّى لَكِ هَذَا قَالَتْ هُوَ مِنْ عِنْدِ اللَّهِ إِنَّ اللَّهَ يَرْزُقُ مَنْ يَشَاءُ بِغَيْرِ حِسَابٍ (٣٧)

***“Allâh*** **Umugenga we amwakira neza, amukuza amutoza gukora ibyiza no kuba intungane,amushinga Zakariya [ngo amurere]. Buri uko [Zakariya] yinjiraga mu cyumba [cye yasengeragamo], yasangaga [Mariyamu] afite ibyo kurya. Aravuga ati: Yewe Mariyamu we! Ibi [byokurya] ubikura he? Aramusubiza ati: Ibi [biribwa] biva kwa** ***Allâh*****, mu by’ukuri** ***Allâh*** **afungurira uwo ashaka nta kiguzi”.**

Abasobanuzi ba Qor’an bavuga ko) mu gihe cy'itumba, Imana yohererezaga Maryam(as)  imbuto zo mu mpeshyi naho mu mpeshyi,ikamwohererereza imbuto zo mu itumba, ikazohereza mu rusengero mu cyumba Mariyam (as) yabagamo[27].

**Sheikh Hassan Nzeyimana**

**28, Ukwakira, 2021 / 21, Rabi’u  al-Awwal, 1443**

[27] Ibin Kathir: Al-Bidayah wa al-Nihayah: umuzingo wa 2, urup. 58